**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RWISUMBUYE RWA MUSANZE**

**ICYEMEZO N° 16/2022/TGI/MUS GITEGEKA ABATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO**

Umwaka wa **2022**, Umunsi wa **01** w'Ukwezi kwa **11**;

**Twebwe NDISANZE Innocent** , Umucamanza w'Urukiko Rwisumbuye rwa Musanze, dufashijwe na **MALAYIKA Marie Chantal** , Umwanditsi muri urwo Rukiko;

**Tumaze** kubona urubanza RP**00661/2021/TGI/MUS**, Ubushinjacyaha buregamo NAHUMUREMYI Theodor mwene HINDUKIRA Felicien na BATEGE Speciose utuye mu mudugudu wa Byimana, akagali ka Kibuguzo, umurenge wa Shingior, akarere ka Musanze, Intara y'Amajyaruguru, akaba ariho yari atuye, ntacyo atunze kizwi , ,akurikiranywe **yaratorotse ubutabera;**

Tumaze kubonako akurikiranyweho icyaha cyo guhoza ku nkeke uwo bashyingiranwe giteganywa kandi bigahanishwa ingingo ya 147 y'itegeko n°68/2018 ryo kuwa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange;

**Tumaze** kubona ko uregwa yatorotse ubutabera nk'uko bigaragazwa n'umwanzuro wo gutanga ikirego wakozwe n'ubushinjacyaha ,

**Dushingiye** ku ngingo ya 160, iya 161 n'iya 162 z'itegeko N° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha

**Dutegetse** ko **NAHUMUREMYI Theodor** yitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Musanze kuwa **06/02/2023 saa mbiri za mugitondo**, atakwitaba hakemezwa ko yasuzuguye amategeko, ndetse urubanza rukazaburanishwa adahari;

**Dutegetse** ko iki cyemezo gitangazwa mu kinyamakuru Imvaho Nshya cyangwa kuri **web site** y'Urukiko rw'Ikirenga kandi kikamanikwa ku Rukiko Rwisumbuye rwa Musanze., ku Karere ka Musanze, no ku Murenge wa Shingiro

**N'UKO BYEMEJWE KANDI BITEGETSWE KU MUNSI, UKWEZI N'UMWAKA BYAVUZWE HARUGURU.**

**UMUCAMANZA**

**NDISANZE Innocent**

**UMWANDITSI**

**MALAYIKA Marie Chantal**